

Inkingo za COVID-19

Ibibazo bikunze kubazwa bigenewe ababyeyi, abarezi n'urubyiruko rufite imyaka 12-17 rwemerewe guhabwa urukingo rwa Pfizer

Ibibazo: Inkingo zihari zaba zemerewe abana n'abangavu ndetse n'ingimbi?

Igisubizo: Yego. Muri Leta zunze ubumwe za Amerika, urukingo rumwe rwahawe uburenganzira n'ikigo cya Leta zunze ubumwe za Amerika gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (FDA) bwo gukoreshwa ku bantu bafite imyaka 12 n'abayirengeje. Urwo rukaba ari urukingo rwa Pfizer. Ni rwo rukingo rwakoreweho ubushashatsi bwitabirwe n'abantu benshi mu mateka, aho bwitabirwe n'abakorerabushake barenga 43.000. Izindi nkingo zitangwa, ari zo Moderna na Johnson & Johnson, zikaba kuri ubu zemerewe guhabwa abantu bafite imyaka 18 no hejuru yayo.

Ibibazo: Haba hasabwa inyandiko itanga uburenganzira igomba gutangwa n'umubyeyi cyangwa umurezi?

Igisubizo: Yego. Abana bari muni y'imyaka 18 batigenga bagomba kuba bafite inyandiko itanga uburenganzira itangwa n'umubyeyi cyangwa umurezi kugira ngo bahabwe urukingo urwo ari rwo rwose. Umubyeyi cyangwa umurezi wemewe agomba guherekeza umwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure gufata urukingo, keretse igihe itangwa ry'urukingo ribera mu biro by'umuganga, ivuriro rikorera mu kigo cy'amashuri cyangwa ivuriro rikorana n'ikigo cy'amashuri n'ahandi nka ho.

Ibibazo: Inkingo za COVID-19 zaba zizewe kandi zikora neza?

Igisubizo: Yego, Inkingo za COVID-19 zirizewe kandi zikora neza. Nk'uko ikigo gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti (FDA) kibivuga, [ubushakashatsi ku rukingo](#) rwa Pfizer rwakorewe ku rubyiruko ruri hagati y'imyaka 12-15, ntawarwaye COVID-19 wabonetsemo mu bana 1.100 bahawe urukingo rwa Pfizer. Naho abanduye 16 mu bana 1.100 ni abo mu itsinda ryahawe urukingo rwa baringa. Ubushakashatsi bwasanze urubyiruko rwakingiwe rwari rufite abasirikari benshi mu maraso, byerekana ko bari bafite ubwirinzi mu mubiri.

Ibibazo: Bisaba igihe kingana iki ngo urukingo rutangire gukora?

Igisubizo: Urukingo rwa Pfizer ni doze itangwa mu byiciro bibiri. Doze ya kabiri iba igomba gutangwa mu minsi 21 (ibyumweru bitatu) nyuma ya doze ya mbere. Doze zombi zirakenewe kugira ngo ugere ku bwirinzi bwuzuye. Umuntu afatwa nk'uwamaze kwikingiza ibyumweru bibiri nyuma yo guhabwa doze ya kabiri.

Ibibazo: Ni izihe ngaruka mbi ziterwa n'inkingo za COVID-19?

Igisubizo: Ingaruka mbi zikunze kugaragara zirimo kubyimbirwa, gutukura cyangwa kubyimbirwa ahatewe urukingo; umuriro cyangwa gutitira; kurwara umutwe; umunaniro, kubabara mu mikaya cyangwa mu ngingo. Izo ngaruka mbi ziterwa n'urukingo zirasanzwe kandi ni ikimenyetso cy'uko umubiri wawe uba uri kurema ubudahangarwa bwo kukurinda COVID-19. Ingaruka mbi ziterwa n'inkingo ubusanzwe zimara iminsi mike, kandi zishobora kwiyongera kuri doze ya kabiri.

Ibibazo: Urukingo rwa COVID-19 ruhindura uturemangingo ndangasano (DNA) tw'umuntu?

Igisubizo: Oya. [Inkingo za COVID-19](#) ntizahindura uturemangingo ndangasano (DNA) tw'umuntu. Urukingo rwa Pfizer ni urukingo rwa messenger RNA (mRNA). Rutanga amabwiriza mu mubiri yo kurema poroteyine yo kuri virusi ariko itagira icyo yangiza ari yo "spike" iba muri virusi itera COVID-19. Icyo gihe umubiri uhita ukora abasirikari bo kuzahaza iyo poroteyini.

Ibibazo: Inkingo za COVID-19 zinjiza mu bantu akuma gato karanga aho umuntu aherereye?

Igisubizo: Oya, inshinge z'inkingo ntabwo ziba zirimo udukarita duto dushobora gutuma bamenya aho uherereye.

Ibibazo: Inkingo za COVID-19 zaba zitera ubugumba, cyangwa zikazagira ingaruka ku bushobozi bwo kubyara bw'umwana mu gihe kizaza?

Igisubizo: Oya. Nta gihamya ihari kuri ubu ko urukingo urwo ari rwo rwose, harimo inkingo za COVID-19, zitera ibibazo by'ubugumba.

Ibibazo: Ni gute nasaba gahunda yo guhabwa urukingo? Nihe abantu b'urubyiruko bashobora gukingirirwa?

Igisubizo: Hari ahantu henshi urubyiruko rushobora kwikingiriza muri leta yose, harimo ku ibiro by'umuganga uvura indwara z'abana,

amavuriro atangirwaho inkingo, amashami ashinzwe ubuzima aho utuye, ibitaro, ibigo nderabuzima by'abaturage n'ahandi henshi. Ariko ababyeyi b'abana bafite imyaka 12 bagomba kumenyeshwa ko amategeko akurikizwa muri leta asaba ko abana bafite imyaka 12 n'abatarayigeza bagomba kwandikirwa na muganga urukingo bafatira kuri farumasi. [Ntibagomba](#) gukingirwa kuri farumasi. Urubiyuruko rufite imyaka 13 n'uruyirengeje ntirukenera kwandikirwa urukingo na muganga, kandi rushobora guherebwa urukingo rwabo rwa COVID-19 kuri Farumasi cyangwa ahandi batangira urukingo hagaragara ku rutonde ruri kuri gettheshot.coronavirus.ohio.gov. Hari itegeko ritaremezwa ryo kwemerera abana bafite imyaka 7-12 gufatira urukingo rwa COVID-19 cyangwa urw'ibicurane kuri farumasi batabanje kubandikirwa na muganga. Ariko abari muri iki kiciro bazakomeza gusabwa kubanza kwandikirwa na muganga mbere yo guhabwa izindi nkingo. Intumwa za rubanda zo muri Ohio n'abasenateri bo muri Ohio batoye uyu mushinga w'itegeko. Igihe iryo tegeko rizaba rimaze gushyirwaho umukono na guverineri rizahita ritangira gukurikizwa.

Ikibazo: Ni iki umwana wange agomba gukora mbere y'uko gahunda ye igera?

Igisubizo: Agomba kurya akananywa amazi menshi mbere yo guhabwa urukingo. Ibi ni ingenzi cyane ku bana n'ingimbi n'abangavu kubera ko [kuraba nyuma yo guhabwa urukingo urwo ari rwo rwose bikunze kugaragara mu bana b'ingimbi cyangwa abangavu, kandi bigaterwa no guhangayika cyane cyangwa gutakaza amazi menshi](#). Ruhuka bihagije mu ijoro ribanziriza gahunda yawe niba bishoboka. Ambara ishata y'amaboko magufi cyangwa idafite amaboko kugira ngo bitume kugera ku gice cyo hejuru cy'ukuboko byoroha. Niba hakonje kuri uwo munsu renzaho umupira w'imbeho cyangwa ijaketi byoroshye kuyikuramo vuba.

Ikibazo: Ni iki nakora mu gihe umwana wange ahangayitse?

Igisubizo: Saba umwana wawe guhumeka gake ubundi ahumeke cyane mbere yo guterwa urushinge ubundi atekereze ku kintu cyatuma atuzwa. Agomba kureka kureba urushinge, ubundi akavana imbaraga mu kuboko igihe aterwa urushinge. Ababyeyi bashobora gukora utuntu tworoheje two gutegura abana babo ngo bakingirwe kandi bigatuma ibyo babona bitabatera guhangayika. Ababyeyi bashobora kugabanya impungenge z'abana babo babibutsa guhumeka cyane no kubarangaza babaganiriza igihe bagiye gukingirwa.

Ikibazo: Nabonye ibihuha byinshi ku mbuga nkoranyambaga byerekeye inkingo. Ni gute namenya amakuru y'ukuri?

Igisubizo: Interineti yuzuyeho amakuru menshi atariyo avuga ku nkingo za COVID-19, kandi bishobora kugorana kumenya ayo kwizera. Ikiza wakora ni ukwihugura ku bijyanye n'inkingo wifashishije amakuru aturuka ahantu hizewe. Menya byinshi byerekeye [uko wabona amakuru ajanyanye n'inkingo muri iyi nyandiko y'ikigo gishinzwe kugenzura ubuziranenge bw'ibiribwa n'imiti \(CDC\)](#), ubundi utandukanye ibitari ukuri n'ukuri [kuri iyi paji y'Ishami rishinzwe ubuzima muri Ohio](#).

Waba ufite ibindi bibazo byerekeye COVID-19?

[Ibibazo bikunze kubazwa](#) | [Ibihuha n'amakuru y'ukuri](#) | [Ibyo ugomba kumenya mbere yo guhabwa urukingo rwa COVID-19, mu gihe uruhabwa ndetse na nyuma yo kuruhabwa](#)

Yavuguruwe ku wa 12 Gicurasi 2021.